# Rwanda Law Report

## Imirongo irebana n'imiburanishirize z'imanza zisabirwa gusubirishhwamo ku mpamvu z'akarengane.

## Imanza z'aciwe n'Urukiko rw'Ikirenga

2022

## IMANZA

RC0005/15/CS; KARANGWA v. MUKASHARANGABO N'ABANDI; Vol [2016] 2 RLR

RCOMAA 00001/2019/SC, NTEGEYE v. ECOBANK RWANDA LTD N'UNDI, Vol [2021] 4 RLR

RS/RV/INJUST/AD0001/16/CS; AKARERE KA NYARUGENGE v. MUKANGEMANYI; Vol (2018) 1 RLR

RS/REV/INJUST/CIV0005/14/CS; KAPERE v. IYAMUREMYE; Vol [2017] 2 RLR

RS/INJUST/RC 00024/2018/SC; NGIZWENINSHUTI v MUHIMA; Vol RLR V. [2022] 1- RLR

RS/INJUST/RC 00019/2018/SC; MUKARUGWIZA v NZAMUGURA N'ABANDI

RS/INJUST/RC 00002/2018/SC, UWIMANA v KAGITARE

RS/INJUST/RP 00005/2018/SC; UBUSHINJACYAHA v NSENGUMUREMYI N'ABANDI

RS/RECUS/RP 00002/2019/SC; Re. GABIRO

RS/INJUST/RP 00001/2020/SC UBUSHINJACYAHA v MAGARA N'ABANDI

RS/INJUST/RC 00001/2020/SC UZAMUSHAKA v TESIRE

RS/INJUST/RSOC 00001/2018/SC; BANKI Y'ABATURAGE Y'U RWANDA v UKWIBISHAKA

RS/INJUST/RC 00011/2019/SC; MUKAMUSONI v NKUNDIMANA

RS/INJUST/RC 00001/2021/SC; UMULINGA v NGIRINSHUTI NA MUBERUKA

RS/ INJUST/ RC 00007/2018/ SC; NDITIRIBAMBE v GATERA N'UNDI

RS/INJUST/RC 00015/2017/SC; BIZIMANA v UWASE

RS/INJUST/RC 0001/2018/SC; VUNINGOMA v NARAME

RS/INJUST/RC00022/2018/SC; BUSORO v. BUSORO N'ABANDI

RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC; ROAD SOLUTIONS PAVEMENT PRODUCT v MAILCO LTD

RS/INJUST/RC00023/2018/SC; IBYISI v KALISA

RS/INJUST/RCOM00005/2018/SC; PRIME INSURANCE LTD v KANSIIME

RS/ INJUST/ RC 00004/2019/SC; HAVUGIMANA N'ABANDI v CANDALI

RS/INJUST/RAD 00002/2020/SC SEMAPONDO v RWASIMPENZI N'ABANDI

RS/INJUST/RC 00008/2019/SC; GAHIRE v MUKARUSHAKO NA BAGENZI

RS/INJUST/RC 00002/2021/SC; AKARERE KA KIREHE v SAHAM ASSURANCE RWANDA LTD (SANLAM ASSURANCES GÉNÉRALES Plc) N'ABANDI

RS/INJUST/RP 00002/2019/SC; UBUSHINJACYAHA V. HABIMANA

RS/REV/INJUST/RC 00009/2017/CS; NIYIGABA v NYIRARUKUNDO N'UNDI

RS/REV/INJUST/CIV0011/16/CS; MUKAGIFUNDU N'UNDI v. UWAMARIYA N'UNDI; Vol [2020] 3 RLR

RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS, RUTABAYIRO N'ABANDI v MUKAKABANO

## AMAGAMBO MPINE

**Ababuranyi mu rubanza rusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

**Guhamagarwa mu rubanza**

**Guhindura icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane.**

**Gusaba kurenganurwa ku bitaragaragarijwe umucamanza mu rubanza rusabirwa gusubirwamo**

**Gusubirishamo urubanza ingingo nshya**

**Ibirego bitari mu byashingiweho hemezwa ko urubanza rukwiye gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane**

**Ibyemezo by'agateganyo**

**Icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

**Igihe cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

**Igihe cyo gushyikiriza ubusabe Urwego rw'Umuvunyi**

**Ikirego kiregera kwiregura**

**Imbibi z'ikiburanwa**

**Inzitizi**

**Impamvu yateye akarengane**

**Kubanza kwiyambaza inzira z’ubujurire zisanzwe n’iz’idasanzwe**

**Kugoboka ku bushake**

**Kugobokeshwa mu rubanza ku rwego rw'akarengane**

**Kwihana umucamanza**.

**Kutitaba kwababuranyi**

**Umuburanyi utarasabye ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane**

**Urubanza rushobora gusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane**

**Urubanza rwasubirishijwemo ingingo nshya**

**Ubujurire**

**Gusuzuma ikirego mu mizi**

## IMIRONGO

RC0005/15/CS; KARANGWA v. MUKASHARANGABO N'ABANDI; Vol [2016] 2 RLR

**Ababuranyi mu rubanza rusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

N'ubwo Urwego rw'Umuvunyi arirwo rusaba Urukiko rw'Ikirenga gusubiramo urubanza ku mpamvu z'akarengane ariko igihe cyo kuburanisha bene ibyo birego, ababuranyi baguma ari ababuranye urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akaregane ndetse ni nabo batanga imyanzuro yo kurega n'iyo kwiregura.

RS/INJUST/RC 00002/2021/SC; AKARERE KA KIREHE v SAHAM ASSURANCE RWANDA LTD (SANLAM ASSURANCES GÉNÉRALES Plc) N'ABANDI

**Guhamagarwa mu rubanza**

Guhamagarwa mu rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane – Ababaye ababuranyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ariko batasabye ko rusubirwamo – Uwabaye umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ariko utigeze asaba ko rusubirwamo ku

mpamvu z'akarengane ntabwo yakuririra ku kirego cyatanzwe n'uwasubirishijemo urubanza ngo nawe asabe Urukiko gusuzuma ibyo atishimiyemo.

RS/REV/INJUST/CIV0011/16/CS; MUKAGIFUNDU N'UNDI v. UWAMARIYA N'UNDI; Vol [2020] 3 RLR

**Guhamagaza ababuranyi**

Ababuranyi bose barebwa n'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ku impamvu z'akarengane bagomba guhamagazwa kabone n'ubwo bataba baranditse babisaba urwego rubishinzwe.

RS/INJUST/RC 00008/2019/SC; GAHIRE v MUKARUSHAKO NA BAGENZI

**Gusaba kurenganurwa ku bitaragaragarijwe umucamanza mu rubanza rusabirwa gusubirwamo**

Gusaba kurenganurwa ku bitaragaragarijwe umucamanza mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane – Mu gusobanura aho akarengane kabo gashingiye, ababuranyi berekana ibimenyetso cyangwa amategeko byagaragarijwe urukiko mu rubanza basaba ko rusubirishwamo rukabyirengagiza kandi byari kubagirira akamaro – Ibyo umuburanyi atagaragarije umucamanza ngo amusabe kubisuzuma, ntashobora kuvuga ko yabimurenganyijeho.

RCOMAA 00001/2019/SC, NTEGEYE v. ECOBANK RWANDA LTD N'UNDI, Vol [2021] 4 RLR

**Gusubirishamo urubanza ingingo nshya**

Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ni inzira idasanzwe idashobora gufungura izindi nzira z'ubujurire kuko ziba zararangiye – Urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ruba ari urwa nyuma ndetse ntirushobora gusubirishwamo ingingo nshya.

RS/INJUST/RSOC 00001/2018/SC; BANKI Y'ABATURAGE Y'U RWANDA v **UKWIBISHAKA**

**Ibirego bitari mu byashingiweho hemezwa ko urubanza rukwiye gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane**

Uwareze yemerewe kugaragaza ingingo zose yarenganyijweho, kuko nk'uko rwabisobanuye mu manza zinyuranye icya ngombwa ari uko ikiregerwa mu rubanza rw'akarengane kitarenga imbibi z'icyaregewe mu ishingwa ry'urubanza ku rwego rwa mbere n'ibyaburanyweho mu rubanza rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

**Umuburanyi utarasabye ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane**

Umuburanyi utarasabye ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, akurikije uburyo n'inzira biteganywan'itegeko, ntashobora kuririra ku kirego cyatanzwe n'uwasubirishijemo urubanza ngo na we asabe ko rwasuzuma ibyo yumva yarenganyijwemo.

RS/INJUST/RC 0001/2018/SC; VUNINGOMA v NARAME

**Ibyemezo by'agateganyo**

Ibyemezo byagateganyo ntibishobora kuburanishwa mu rwego rw'akarengane kuko ari ibyemezo Urukiko rushobora buri gihe gukuraho bisabwe n'ubifitemo inyungu mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe.

RS/RV/INJUST/AD0001/16/CS; AKARERE KA NYARUGENGE v. MUKANGEMANYI; Vol (2018) 1 RLR

**Icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

Icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga – Icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga gitegeka ko dosiye ivuye mu rwego rw'Umuvunyi yandikwa mu gitabo cy'ibirego, ntikibuza ko, mu iburanisha

ry'urubanza, haba izindi mpaka zishingiye ku bubasha bw'Urukiko ndetse no ku iyakirwa ry'ikirego, kandi inteko iburanisha ifite ububasha bwo gusuzuma niba ikirego cyaratanzwe mu rwego rw'Umuvunyi mu buryo bukurikije amategeko.

**Kubanza kwiyambaza inzira z'ubujurire ziteganwa n'amategeko**

Ingaruka zo kutiyambaza inzira z'ubujurire ziteganwa n'amategeko mbere yo gushyikiriza ikirego ku rwego rw'umuvunyi – Umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko ntiyemerewe gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

RS/INJUST/RC 00011/2019/SC; MUKAMUSONI v NKUNDIMANA

**Igihe cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Igihe cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane igihe urubanza rwajuririwe ariko ubwo ubujurire ntibwakirwe – Icyo gihe gitangira kubarwa uhereye igihe Urukiko rwajuririrwe rwafatiye icyemezo cy'ukutakira ubujurire, kabone n'ubwo urubanza rusabirwa gusubirwamo rwaba ari urwajuririwe.

## Urubanza rushobora gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane

Urubanza rushobora gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ni urubanza rwafashe icyemezo kirenganya umuburanyi – Urubanza rutakiriwe bifatwa ko rwarenganyije umuburanyi, iyo muri uko kutakirwa kwarwo ariho akarengane gashingiye.

## Icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Inteko iburanisha ishobora kuvuguruza icyemezo cyafashwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga igihe hari impamvu zikomeye nko kwibeshya ku iyubahirizwa ry'ibihe – Izi mpamvu zikaba zigomba kuba ari impamvu zose zirebana n'imihango ndemyagihugu umucamanza uhawe guca urubanza agomba kureba iteka ko yubahirijwe.

## Kugoboka ku bushake

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugoboka ku bushake mu rubanza rw'akarengane akurikije ibiteganywa n'amategeko.

RS/INJUST/RCOM00005/2018/SC; PRIME INSURANCE LTD v KANSIIME

**Ikirego kiregera kwiregura**

Kuririra ku kirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane cyatanzwe n'uwo muburana ugira ibyo unenga urubanza – Umuburanyi wese ufite icyo anenga urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma akabona harimo akarengane, yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaruciye, akaba ariwe usuzuma ako karengane, mu gihe ibi bitubahirijwe ikirego nticyakirwa ngo gisuzumwe kuko kiba kinyuranyije n'itegeko.

RS/INJUST/RC 00001/2021/SC; UMULINGA v NGIRINSHUTI NA MUBERUKA

**Imbibi z'ikiburanwa**

Kutaburanisha bwa mbere mu rwego rw'akarengane ikitaraburanyweho mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane – Umuburanyi atashobora kuvuga ko yagize akarengane ku kibazo atigeze agaragariza Umucamanza ngo amusabe kugisuzuma.

**Igihe cyo gushyikiriza ubusabe Urwego rw'Umuvunyi**

Nubwo Umushingamategeko nta bihe yateganyije, igihe cy'iminsi 30 cyo gushyikiriza Perezida w'Urukiko ubusabe bwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu

z’akarengane ni cyo cyakurikizwa habarwa ibihe byo gushyikiriza ubusabe Urwego rw’Umuvunyi, kugira ngo umuburanyi atabikorera igihe ashakiye.

RS/ INJUST/ RC 00007/2018/ SC; NDITIRIBAMBE v GATERA N’UNDI

**Imbibi z’ikiburanwa**

Ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, ntibishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z’akarengane urubanza rutari mu ruhererekane rumwe narwo hashingiwe gusa ku kuba zifitanye isano.

**Imbibi z’ikiburanwa**

Ibirego bishya bitari mu murongo w’ibyaburanywe urubanza rugishingwa mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo ntibyakirwa mu rubanza rwasabiwe gusuburwamo ku mpamvu y’akarengane.

RS/INJUST/RP 00001/2020/SC UBUSHINJACYAHA v MAGARA N’ABANDI

**Imbibi z’ikiburanwa**

Imbibi z’ikiburanwa mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z’akarengane, zigenwa

n'icyaburanywe mu rwego rwa mbere, icyaburanywe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, n'imyanzuro y'abasabye ko urubanza rusubirwamo bamaze kubyemererwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

**Kutagira icyo usaba kandi utarakurikije ibyo amategeko ateganya mu gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Inzira y'akarengane ni inzira idasanzwe yemerewe umuburanyi warenganyijwe ku buryo bugaragarira buri wese, abisabye mu buryo no mu nzira biteganywa n'amategeko, byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha zimaze kubisuzuma, binyuranye nibikorwa muzindi nzira z'ubujurire. – Ababuranyi bataciye muri izo nzira ntibashobora guhabwa uburenganzira bwo kuririra ku isubirwamo ryasabwe n'abandi rikemerwa, ngo bagire ibyo basaba ko bihinduka ku rubanza batasabye ko rusubirwamo kuko ubwo burenganzira baba barabwibujije.

**Guhindura icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane.**

Icyemezo cyafatiwe abatarasabye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, bakuririra ku busabe bw'abandi, gishobora guhinduka gusa iyo urukiko rusanze hari ubusobekerane ku byerekeye imikorere y'icyaha bahuriyeho n'abasabye gusubirishamo ku mpamvu

z’akarengane, ku buryo icyemezo cyafatirwa abareze cyabagiraho ingaruka mu buryo bubafitiye inyungu.

**Ihinduka ry’icyemezo cya Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga**

Kuba Perezida yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z’akarengane, ntibibuza inteko iburanisha gusuzuma ibibazo bidasanzwe, byumvikana nk’ibibazo ndemyagihugu, ikabifataho icyemezo.

RS/ INJUST/ RC 00004/2019/SC; HAVUGIMANA N’ABANDI v CANDALI

**Imbibi z’ikiburanwa z’urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane**

Ibibazo bitasuzumwe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z’akarengane ntibishobora gusuzumwa mu rubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane kuko umuburanyi atavuga ko yagize akarengane ku kibazo atigeze asaba Urukiko gusuzuma.

RS/INJUST/RAD 00002/2020/SC SEMAPONDO v RWASIMPENZI N’ABANDI

**Inzitizi yatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi**

Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, Urukiko ruburanisha urubanza mu mizi bundi bushya nta zindi nzitizi zitanzwe zatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi uretse inzitizi ndemyagihugu.

RS/INJUST/RC 00002/2018/SC, UWIMANA v KAGITARE

**Inzitizi ijyanye n'iburabusha ry'urega mu manza z'akarengane**

Inzitizi ijyanye n'ububasha bw'urega mu manza z'akarengane ntishobora kwakirwa kuko imanza z'akarengane ziba zaraciwe burundu, bene izi nzitizi zikaba zidashobora kugarukwaho, keretse akarengane gashingiye kuri iyo nzitizi.

RS/INJUST/RC 00024/2018/SC; NGIZWENINSHUTI v MUHIMA; Vol RLR V. [2022] 1- RLR

**Inzitizi**

Inzitizi yabyukijwe mu rwego rwa mbere, igafatirwa umwanzuro ntigarukweho nk'impamvu y'ubujurire mu rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, ntishobora kongera kugarukwaho mu rwego rwo gusubirishamourubanza ku mpamvu z'akarengane.

RS/INJUST/RC00022/2018/SC; BUSORO v. BUSORO N'ABANDI

**Inzitizi yatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi**

Inzitizi yatuma urubanza rutaburanishwa mu mizi kubw'itegeko ntabwo yakirwa ngo isuzumwe mw'iburanisha ry'ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane kuko mbere yo kugira ngo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga afate icyemezo ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ibyo byose byatuma urubanza rutasuzumwa mu mizi bibanza gusuzumwa n'inzego zibishinzwe. Cyeretse umuburanyi ashoboye kugaragaza impamvu idasanzwe nko kuba harabayeho kwibeshya ku bihe byo gutanga ikirego.

RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC; ROAD SOLUTIONS PAVEMENT PRODUCT v MAILCO LTD

**Inzitizi yatanzwe mu Nkiko zibanza zikanafatwaho umwanzuro**

Mu rubanza rujyanye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, inzitizi zatanzwe mu Nkiko zibanza zikanafatwaho umwanzuro, ntizongera kuzamurwa

cyeretse gusa iyo arizo akarengane gashingiyeho – Mu gihe haburanishwa urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ibyo umuburanyi yatsinzwemo ariko akaba atarigeze asaba ko byasuzumwa mu rwego rw'akarengane abinyujije mu nzira ziteganywa n'amategeko, ntibishobora kwakirwa ngo bisuzumwe

**Imbibi z'ikiburanwa**

Imbibi z'ikiburanwa z'urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane – Mu gihe haburanishwa urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ibyo umuburanyi yatsinzwemo ariko akaba atarigeze asaba ko byasuzumwa mu rwego rw'akarengane abinyujije mu nzira ziteganywa n'amategeko, ntibishobora kwakirwa ngo bisuzumwe.

RS/REV/INJUST/RC 00009/2017/CS; NIYIGABA v NYIRARUKUNDO N'UNDI

**Impamvu yateye akarengane**

Urubanza rudashobora kurangizwa – Kuba hari kopi ebyiri zirimo ibyemezo bivuguruzanya mu rubanza rumwe ni impamvu y'akarengane gashingiye ku kuba urubanza rudashobora kurangizwa.

**Gusuzuma ikirego mu mizi**

Gusuzuma amakosa urukiko rwaba rwarakoze mu kutakira ubujurire bwa kabiri, niko gusuzuma ikirego mu mizi – Urukiko ntirushobora gusuzuma akaregane kavugwa mu rubanza rubanziriza urutarakiriwe mu bujurire bwa kabiri igihe nta karengane kari mu kutakira ubwo bujurire.

RS/INJUST/RC 00019/2018/SC; MUKARUGWIZA v NZAMUGURA N'ABANDI

**Kubanza kwiyambaza inzira z'ubujurire zisanzwe n'iz'idasanzwe**

Umuburanyi wibujije izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe, ntiyemerewe gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane.

RS/INJUST/RP 00005/2018/SC; UBUSHINJACYAHA v NSENGUMUREMYI N'ABANDI

**Kugobokeshwa mu rubanza ku rwego rw'akarengane**

Urukiko ruburanisha ikirego cy'akarengane rushobora kugobokesha umuntu wese rusanga ari ngombwa mu nyungu zogutanga ubutabera bwuzuye – Ukugobokeshwa mu rubanza ruburanishwa ku rwego rw'akarengane, ntaho kunyuranyije n`amategeko kuko iki kirego ari ikirego gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, akaba atari ubujurire busanzwe, kandi mu gihe Urukiko

ruburanisha ikirego cy`akarengane rushobora kugobokesha umuntu wese rusanga ari ngombwa mu nyungu zo gutanga ubutabera bwuzuye

RS/RECUS/RP 00002/2019/SC; Re. GABIRO

**Kwihana umucamanza, Gutanga inama ku rubanza, Gufata ibyemezo by'ubuyobozi**

Ibyemezo bifatwa mu rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane mbere y’iyandikwa ry’ikirego bigomba gufatwa nk’irengayobora, bityo abafashe ibyemezo by’ubuyobozi ku karengane kavugwa n’umuburanyi ku rubanza rwabaye ndakuka, mbere y’uko ikibazo cye gishyikirizwa Urukiko kikandikwa nk’ikirego ntibibabuza kugira uruhare mu ica ry’imanza z’akarengane.

RS/INJUST/RC 00015/2017/SC; BIZIMANA v UWASE

**Kutitaba kwababuranyi**

Iyo mu kirego kigamije gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane, nta muburanyi n’umwe witabye nyuma y’imihango yose y’ihamagara iteganywa n’itegeko, nk’uko bigenda mu nzira zindi z’imiburanishirize y’imanza, Urukiko rushobora kwimurira urubanza ku wundi munsi, cyangwa gusiba urubanza mu gihe bigaragarira urukiko ko ababuranyi badafite inyungu yo gukurikirana urubanza rwabo.

RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS, RUTABAYIRO N'ABANDI v MUKAKABANO

**Urubanza rushobora gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane**

Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane –Iyo nta kosa Urukiko rwakoze mu kutakira ikirego, urubanza rwajuririrwaga ruba rubaye itegeko akaba ari rwo rufatwa nk'urwaciwe ku rwego rwa nyuma, biruhesha uburenganzira bwo kuba rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

**Kubanza kwiyambaza inzira z'ubujurire zisanzwe n'iz'idasanzwe mu gihe giteganyijwe n'amategeko**

Niyo umuburanyi yaba atirengagije inzira z'ubujurire, ariko izo akoze akazikora igihe giteganyijwe n'amategeko cyarenze, ntiyemerewe kwiyambaza inzira yo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane.

RS/INJUST/RC 00001/2020/SC UZAMUSHAKA v TESIRE

**Kutagira icyo usaba kandi utarakurikije ibyo amategeko ateganya mu gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Umuburanyi utarasabye ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, akurikije uburyo n'inzira biteganywan'itegeko, ntashobora kuririra ku kirego cyatanzwe n'uwasubirishijemo urubanza ngo na we asabe ko rwasuzuma ibyo atishimiye muri urwo rubanza rusubirishwamo.

RS/REV/INJUST/CIV0005/14/CS; KAPERE v. IYAMUREMYE; Vol [2017] 2 RLR

**Urubanzarwasubirishijwemo ingingo nshya**

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ni inzira y'ubujurire idasanzwe yihariye igamije gukosora amakosa yakozwe mu rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, bityo n'urubanza rwaciwe burundu nyuma yo gusubirishwamo ingingo nshya rurebwa n'iyo nzira idasanzwe

RS/INJUST/RC00023/2018/SC; IBYISI v KALISA

**Ubujurire**

Iyo urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rushingiye ku kuba Urukiko rwaranze kwakira ubujurire hirengagijwe amategeko, Urukiko ruburanisha urubanza rwasabiwe gusubirishwamo rusuzuma iyo mpamvu rwasanga ifite ishingiro rugaca urubanza rubanziriza urundi rukemeza ko hirengagijwe amategeko hangwa kwakira ubujurire maze rukemeza ko

iburanisha rikomeza hasuzumwa ingingo z'ubujurire yari yaratanze muri urwo Rukiko.

RS/INJUST/RP 00002/2019/SC; UBUSHINJACYAHA V. HABIMANA

## Gusuzuma ikirego mu mizi

## Urubanza rutakiriwe mu bujurire bwa kabiri

Gusuzuma ikirego mu mizi – Gusuzuma amakosa urukiko rwaba rwarakoze mu kutakira ubujurire bwa kabiri, niko gusuzuma ikirego mu mizi – Urukiko ntirushobora gusuzuma akaregane kavugwa mu rubanza rubanziriza urutarakiriwe mu bujurire bwa kabiri igihe nta karengane kari mu kutakira ubwo bujurire.

Urubanza rushobora gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ni urubanza rwafashe icyemezo kirenganya umuburanyi. Mu yandi magambo, urubanza rutakiriwe byafatwa ko rwarenganyije umuburanyi, iyo muri uko kutakirwa kwarwo ariho akarengane gashingiye. Ibyo bivuze ko iyo nta kosa urukiko rwakoze mu kutakira ikirego, urubanza rwajuririrwaga ruba rubaye itegeko bityo akaba ari narwo rufatwa nk'urwaciwe ku rwego rwa nyuma, bikanaruhesha uburenganzira bwo kuba rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane

**RLR**